# IBARUWA Y'UMUSHUMBA

Mutarama / Gashyantare 2024

Umugisha n'indamutso kuri mwebwe mwese Arkiyepiskopi n’Abepiskopi, Abapadiri n’Abapadiri b’abadiyakoni, Abavugabutumwa n’umuryango w’ababikira wose, hamwe n'indahemuka zose za Belivers Eastern Church ku isi hose, mu izina ry’Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu. Amen!

Nshuti bakundwa muri Kristu,

Kristu ari kumwe natwe!

Bintera umunezero mwinshi kubandikira mugihe twegereje ibihe by’ingenzi bya Kiliziya Ntagatifu. Ni 'Igihe cy’Igisibo Gikuru' guhera ku ya 11 Gashyantare kugeza 31 Werurwe 2024.

Iki gihe cyubahirizwa nk’igihe cyo kwiyiriza no gusenga aho Abakilisitu bibuka iby’iminsi ya nyuma ya Kristu ku isi yamujyanye ku gupfa, guhambwa n’insinzi ye mu izuka. Nkabayoboke ya Kristu n'abagize Kiliziya ye Ntagatifu, dutegereje iki gihe kuko kidufasha kwitegura kwizihiza 'Umunsi mukuru wa Pasika' mu buryo bukwiye. Muri iki gihe, duhitamo kandi kubushake kugenda gakeya no kwisuzuma mu buzima bwacu twicishije bugufi no kugira Roho imenetse kandi nshya.

Ikiyongereye kuri ibyo, hari inkingi eshatu z'igisibo, zigenewe abizerwa n’abayoboke ba Kiliziya.

**Isengesho**: Mugihe cy'igisibo, twahamagariwe gusenga cyane. Uko dusenga cyane, niko turushaho guhinduka ngo twuzuze ubushake bw'Imana nk’uko iri mu Ijuru. Turasenga kandi dushaka impuhwe za Nyagasani kugira ngo atubabarire ibyaha kandi duhinduke cyane tube nka We bityo twere imbuto zo gukiranuka mu buzima bwacu bwa buri munsi.

**Kwiyiriza Ubusa**: Ntitugomba kwiyiriza ubusa ibiryo gusa, ahubwo no kwirinda ingeso mbi z'icyaha. Ntidukwiye gutegekwa n’ ibyifuzo byacu, ariko tubashe kunesha kubw’imbabazi n'ubuntu by'Imana kugira ngo dusangire kamere n’Imana. Mu gihe twiyirije ibiryo bimwe na bimwe, reka nanone twirinde ibitekerezo, amagambo, n'ibikorwa bibi. Hindura urugo rwawe ahantu hatagatifurijwe amasengesho no kurema ahadukikije hadufasha gukura mu buryo bwa Roho.

**Gutanga Amashimwe**: Nk’uko ibyanditswe bivuga muri Yesaya 58: 7, igisibo cyacu gishimisha Imana mu gihe twita ku abakene n'abakandamizwa. Iyo twiyiriza ibiryo mu gihe c'igisibo, tuba dushaka kuzigama amafaranga nandi mikoro yo

gusangira n’abatishoboye. Ugusangira n’abakennye gushimisha Imana. Nk’umuryango kandi
nka Paruwasi bishobora kwifashishwa muri iki gihe cy’igisibo Gikuru.

Ibice bibiri by’ingenzi byo kwitegereza Igisibo kinini ni ibikorwa dukora nk’abantu ku giti cyabo n’ibikorwa dukora twese hamwe nka Paruwasi. Ibi bice byombi bifite akamaro kangana.

Ku giti cy’umuntu, twiyemeje gukurikiza imyitwarire yo kwiyiriza, twisuzuma no igihe cyacu cyo gusenga no gutekereza. Ku rundi ruhande, duhamagarirwa twese hamwe ni ugushaka kwitabira ugusenga kwinshi kwa Liturujiya zishoboka, hamwe n’imiryango yacu. Ibyishimo ni ibyo, ntabwo turi twenyine muri uru rugendo. Paruwasi yacu ihinduka umuryango mutagatifu, ishyigikira kandi ikazamura buriwese, kuko nibyo twiyemeje mu gufatanya no guterana inkunga no gushyigikirana.

Byongeye kandi, ndabasaba gushimangira ibintu bikurikira:

**1. Koresha Ibikoresho byose by'igisibo bya Kiliziya**: Kuva muri Sinodi Ntagatifu, uzakira imfashanyo nyinshi ntagatifu nk’amasomo yo mu byanditswe bya buri munsi, Gutekereza ku gisibo buri munsi, liturijiya y’amasengesho ya buri munsi n'amabwiriza arebana no kwiyiriza kugirango dukore urugendo rwacu mu minsi y’igisibo gikuru ifite igisobanuro nyacyo.

2. **Alitari yo gusenga mu rugo**: Igisibo ni igihe cyo kongera amasengesho cyane kandi ibi bigomba kubaho muritwe mu ngo zacu. Reka twizere neza ko alitari y’umuryango hamwe n’amasengesho mu rugo bikomeza nta gucogora mu gihe cy’igisibo.

3. **Vuga Isengesho rya Yezu**: “Mwami Yezu Kristu, Mwana w'Imana, ngirira imbabazi, umunyabyaha” ni isengesho rimwe dushobora kuvuga mu munsi. Niba ufite umugozi w'amasengesho, senga iri sengesho inshuro nyinshi uko ubishoboye.

Reka nshishikarize buri wese kutirengagiza ubu butumire bwa Kiliziya Ntagatifu! Nka Roho yawe Data, nanjye nzafatanya nawe mu rurwo rugendo kandi twese hamwe reka dutegerezanye amatsiko kwakira umugisha w’Umwami wacu.

Kristu ari kumwe natwe! Ariho kandi azahoraho, Amen.

Umubyeyi wanyu, muri Kristu

**Athanasius Yohan I Metropolitan**